




# Injangwe n'imbwa Zirashushanya Zikanataka

Gabriel Bazimaziki
Elke and René Leisink


Kinyarwanda



Iyi ni injangwe.
Iyi ni imbwa



Injangwe n'imbwa zirashaka
gushushanya.
Injangwe n'imbwa zirashaka
gutakamo amabara.
Injangwe n'imbwa zirashaka guhanga.
Imbwa iratangiye.
Ifashe ikaramu y'igiti n'urupapuro.
Urupapuro ni mpandenye.




Imbwa ibanza gushushanya uruziga.
Uruziga ni umubiri w'injangwe.
Hmmm, ibyo biroroshye.




Nuko ishuhanya mpandeshatu ebyiri hejuru y'uruziga. Izo mpandeshatu ebyiri ni amatwi y'injangwe, yongera gushushanya mpandeshatu yirabura mu ruziga. Iyo mpandeshatu yirabura ni izuru ry'injangwe. Nuko ica umurongo haruguru y'izuru.




Irongera ishushanya amaso n'ibitsike by'injangwe. Amaso ni utudomo tubiri. Ibitsike ni uturongo tubiri. Eeeh, biroroshye!




Noneho ishushanya umunwa w'injangwe. Umunwa ni umurongo.Umeze nk'inyuguti ya 'W'. Ishushanya ubwoya bwo ku munwa w'injangwe. Ubwoya butatu ibumoso n'ubundi butatu iburyo.




Igishushanyo gisa n'ikigiye kurangira. Ishushanya amaboko n'amaguru y'injangwe. Amaboko n'amaguru ni imirongo. Ishushanya amano y'injangwe. Amano ni inziga. Irongera ishushanya umurizo w'injangwe. Umurizo ni umurongo muremure.



Hanyuma ishushanya n'udusharu ku mubiri w'injangwe. Umubiri iwuha ibara ry'umuhondo. Nuko igishushanyo kiba kirarangiye. Mbega ukuntu ari cyiza wee!



Ubwo hakurikiraho injangwe. Ifata ikaramu y'igiti n'urupapuro. Urupapuro rufite ishusho y'urukiramende.




Injangwe ishushanya uruziga. Uruziga ni umubiri w'imbwa. Mbega byiza!




Noneho ishushanya utuntu tubiri hejuru ya rwa ruziga. Utwo tuntu tubiri ni amatwi y'imbwa. Ishushanya uruziga rw'umukara muri rwa ruziga runini. Urwo ruziga rw'umukara ni izuru ry'imbwa. Hejuru y'izuru ihaca akarongo.



Nuko ikurikizaho amaso n'ibitsike by'imbwa. Amaso iyagira utudomo tubiri. Naho ibitsike ni uturongo tubiri. Yayayaya, Birahebuje!




Noneho ishushanya umunwa w'imbwa.Umunwa ni umurongo. Umeze nk'inyuguti ya 'W'. Kuri uwo munwa ishushanyaho utudomo dukurikiranye. Dutatu ibumoso n'utundi dutatu iburyo.



Igishushanyo kirasa n'ikirarangiye. Ishushanya amaboko n'amaguru y'imbwa. Amaboko n'amaguru ni imirongo. Ishushanya amano y'imbwa. Amano ni inziga. Ishushanya umurizo w'imbwa. Umurizo umeze nk'ururabo.



Isoreza ku gushushanya inziga zifite ibara ry'umukara ku mubiri w'imbwa. Iwuha ibara ry'umuhondo. Ubwo iba irasoje. Mbega ibintu bihebuje!



Urabeho Njangwe.
Urabeho gishushanyo cy'injangwe.
Urabeho Mbwa. Urabeho gishushanyo cy'imbwa.

"I would love to help the whole world to read and there is still so much to do"
Aagje van Heekeren, Biblionef Director 2004-2012

Thanks to Aagje's enthusiasm the Cat and Dog booklets could be made. As a tribute they will be reprinted to mark her departure as Director of Biblionef.

Cat and Dog
Concept, text, illustrations
and design Elke and René Leisink
Publishing Biblionef
Printing Studio/Drukkerij pk84
Copyright 2014
ISBN 978 90 8147 671 3

This book could be published thanks to the generous support of
- pater eusebius kemp stichting
- stichting casterenshoeve
- family leisink
- family bongaerts

## About Biblionef

We all want children to become readers - to have empathy for characters, big vocabularies and imaginations, and to be able to immerse themselves in another world through a book. Biblionef places a strong emphasis on reading for pleasure; we believe children should have a sense of fun as they read. It should not be a chore, but an exciting activity, something to look forward to.

To achieve this, children need to be exposed to books with great stories. Books which help with children's literacy development, give access to information and education, and teach them to think for themselves - to make good decisions.

Biblionef's goal is to make a profound impact on the lives of children and we are deeply committed to giving all children access to books. Biblionef foundations provide new books to library projects for children who have no access to books. Books containing stories they can relate to and learn from.

www.biblionef.org

## About Cat and Dog

Cat and Dog books are funny and easy to read.
Learn only 200 words and start reading the books.

www.cat-and-dog.org

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Injangwe n'imbwa Zirashushanya Zikanataka

**Author** - Elke and René Leisink
**Translation** - Gabriel Bazimaziki
**Illustration** - Elke and René Leisink
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - Longer paragraphs

© African Storybook Initiative 2017
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org